**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**UMUJYI WA KIGALI**

*Akarere ka Kicukiro*



# AKARERE KA KICUKIRO MU KWESA IMIHIGO YA 2014 – 2015

***Nyakanga 2015***

# IRIBURIRO

Akarere ka Kicukiro kanejejwe no kubagezaho muri aka gatabo gakubiyemo ibyagezweho mu mihigo ya Nyakanga 2014 kugeza Kamena 2015, twasinyanye na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, aho twari twiyemeje gushyira mu bikorwa Imihigo igera kuri 35 igabanijemo ibikorwa 69:

Iyi mihigo ikubiye Mu nkingi za guverinoma zikurikira:

- Inkingi y'Ubukungu;
- Inkingi y'Imibereho Mibereho Myiza
- Inkingi y'Ubutabera.

Mu izina ry'Ubuyobozi n'abaturage b'Akarere ka Kicukiro, turishimira umusaruro wabonetse mu gushyira mu bikorwa iyi mihigo, dushimira ubufatanye bwagaragaye mu nzego zose z'ubuyobozi butandukanye harimo Leta y'u Rwanda binyuze muri za Minisiteri n'ibigo biyishamikiyeho, inama Njyanama y'Akarere, Imirenge, utugari, abikorera, imiryango nterankunga harimo n'itegamiye kuri Leta n'abaturage b'Akarere muri rusange mu muganda wa buri wese mu buryo butandukanye bwagaragajwe kugirango iyi mihigo ishyirwe mu bikorwa.

Akarere ka Kicukiro karishimira umusaruro wabonetse mu gushyira mu bikorwa iyi mihigo cyane cyane ubufatanye mu bikorwa by'ishoramari ku bufatanye n'abikorera "**Public Private Partnership**", aho byunganiye Akarere mu bikorwa binini bigamije guteza imbere amajyambere n'imibereho Myiza y'abaturage.

Dukomeze Imihigo.

**NDAMAGE Paul Jules**

**Umuyobozi w'Akarere ka Kicukiro**

# ISHAKIRO

IRIBURIRO .......... 2

ISHAKIRO .......... 3

IBYAGEZWEHO .......... 5

1. IBYAGEZWEHO MU NKINGI Y'UBUKUNGU .......... 6

1.1. GUKORA INYIGO NO KUBAKA UMUHANDA WA CAMP KANOMBE – BUSANZA RUBILIZI .......... 6

1.2. KURANGIZA UMUHANDA WA KABUKIMBO KANOMBE-MULINDI UNGANA NA KM3.1 .......... 7

1.3. GUTANGA MILIYONI 300 KU MUSHINGA WO KUBAKA IMIHANDA Y'AMABUYE MU MUJYI WA KIGALI .......... 8

1.4. GUSANA IMIHANDA Y'ITAKA URESHYA NA KM8 .......... 9

1.5. GUSHAKA UBUTAKA BUZUBAKWAMO AMAZU ACIRIRITSE YA KIJYAMBERE KU BUSO BUNGANA NA HEGITARE 20. .......... 9

1.6. KUBYAZA UMUSARURO AMATERASE Y'INDINGANIRE .......... 9

1.7. GUHUZA UBUTAKA .......... 10

1.8. KONGERA UMUSARURO UVA KURI HEGITARI (Crop productivity) .......... 10

1.9. GUTERA IBITI BY'IMBUTO .......... 11

1.10. GUTEZA IMBERE UBUHINZI BW'IBIJYA MU MAHANGA .......... 11

1.11. GUTEZA IMBERE UBWOROZI .......... 11

1.12. GUTEZA IMBERE ISHORAMARI .......... 12

1.13. KURENGERA IBIDUKIKIJE .......... 13

1.14. KONGERA IMISORO N'AMAHORO .......... 14

2. INKINGI Y'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE .......... 15

2.1. GUTEZA IMBERE IREME RY'UBUREZI .......... 15

2.2. KUGABANYA UMUBARE W'ABANA BATA ISHURI .......... 16

2.3. KUBAKA E.C.D. .......... 16

2.4. GUTEZA UBUREZI BW'ABAFITE UBUMUGA BWO MU MUTWE .......... 16

2.5. TVET .......... 16

2.6. KWITA KU BUZIMA .......... 17

2.7. KUBONEZA URUBYARO NO GUPIMISHA ABABYEYI BATWITE. ............ 17

2.8. KURWANYA IMIRIRE MIBI ................................................................... 18

2.10. UBUGENZUZI BW'ISUKU ................................................................ 18

2.11. KUBAKA AMAZU 20 Y'ABAROKOTSE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI BATISHOBOYE N'AZUBAKIRWA ABANYARWANDA BIRUKANYWE MURI TANZANIYA N'ABIMUWE MU BICE BY'AMANEGEKA KUGEZA KURI 100%..... 19

2.12. GUTANGA AKAZI KU BATURAGE 600. ............................................... 19

2.13. ABATISHOBOYE 965 BAZAHABWA INKUNGA Y'INGOBOKA............... 19

2.14. KUREMERA ........................................................................................ 20

2.15. ITERAMBERE RY'URUBYIRUKO N'ABAGORE..................................... 20

3. IMIYOBORERE MYIZA N'UBUTABERA .................................................... 22

3.1. KUNOZA IMITANGIRE YA SERIVISE.................................................... 22

3.2. KUNOZA IMICUNGIRE Y'UMUTUNGO WA LETA ................................... 22

3.3. UBTABERA ............................................................................................ 22

3.4. KUNOZA IMIKORERE YA COMMUNITY POLICIES ................................ 23

3.5. UBURERE MBONERAGIHUGU ................................................................ 23

3.6. GUTEGURA UKWEZI KW'IMIYOBORERE MYIZA .................................. 23

3.7. GUKURIKIRANA ITEGURWA N'ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMIHIGO ... 23

3.8. UMUGANDA............................................................................................ 23

3.9. GAHUNDA YA NDI UMUNYARWANDA. ................................................. 24

3.10. INYUBAKO Z'IBIRO BY'UBUYOBOZI................................................. 24

# IBYAGEZWEHO

## 1. IBYAGEZWEHO MU NKINGI Y'UBUKUNGU

### 1.1. GUKORA INYIGO NO KUBAKA UMUHANDA WA CAMP KANOMBE-BUSANZA-RUBILIZI

Mu rwego rwo kongera imihanda ya kabulimbo yubatse kandi itunganyije no kwihutisha iterambere ry'Ibikorwaremezo hagamijwe gushyira mu bikorwa igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali, ku nkunga y'Ikigega LODA no ku mafaranga bwite y'Akarere harubakwa umuhanda wa kabulimbo "**Camp Kanombe-Busanza-Rubilizi** "ureshya na Km 5,832. Uyu muhanda uzuzura utwaye amafaranga angana na Miliyari 4,5.

**Ibyagezweho ugereranije n'umuhigo**

- ✓ Gukora inyigo y'umuhanda byagezweho 100%;
- ✓ Kubaka Km 1 ya kabulimbokugera kuri 80%: Ibyakozwe bingana na 94%.

**Impinduka:**

Uyu mushinga uzatanga imirimo ku bantu benshi aho duteganya ko amafaranga agera kuri 1,238,855,860 azishyurwa abaturage bazakora kuri uyu mushinga bikazafasha benshi kwikura mu bukene cyane cyane abaturiye uyu muhanda.

Ku ikubitiro imirimo yo kubaka uyu muhanda yatanze akazi ku bantu 30 harimo abagore 5 (17%).

Mu rwego rw'ishoramari uyu muhanda uzakurura abashoramari bubaka amazu atandukanye acumbikira abantu benshi (Real Estate ndetse na za apartement) nk'uko biteganijwe mu gishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali.

Ingo 18,689 zo mu Tugari 3 twa Nonko, Busanza na Rubilizi dukora kuri uyu muhanda zizoroherezwa ku bijyanye n'Ubwikorezi bw'abantu n'Ibintu buzatera imbere bitume n'igiciro cya ingendo kigabanuka ndetse ubutaka n'amazu yabo agaciro kabyo kaziyongera.



***Amafoto: Umuhanda wa Camp Kanombe –Busanza -Rublizi***

### 1.2. KURANGIZA UMUHANDA WA KABUKIMBO KANOMBE-MULINDI UNGANA NA Km 3.1

Hagamijwe gushyira mu bikorwa ibyo Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yemereye abaturage hagamijwe kongera imihanda ya kabulimbo yubatse, imirimo yo kubaka umuhanda wa kabulimbo Kanombe-Mulindi ureshya na Km 3.1 yararangiye 100%.

Uyu muhanda ukaba warazanye inyungu ndetse n' impinduka zikurikira:

Abaturage 68 bo Midugudu ya Kibaya, Indatwa na Mukoni bamugariye ku rugamba rwo kubohora igihugu baturiye uyu muhanda mbere bari bafite ibibazo bikomeye byo kugera ku bitaro bya gisirikare (Kanombe Miltary Hospital ), aho uyu muhanda wubakiwe ubu biraborohera kugana ibi bitaro ku buryo bworoshye kuko bifashisha amagare y'abafite ubumuga bakagenda neza ndetse no mu ijoro haragendwa kuko hashyizweho n'amatara rusange byongera umutekano w'abahatuye.






*Amafoto: Uburyo abamugariye ku rugamba bakoresha uyu muhanda mu buzima bwabo bwa buri munsi bakoresheje amagare.*

Uyu muhanda woroheje uburo bwo gukora ingendo Kigali –Kabuga Rwamagana kuko ushobora gukoreshwa nka deviation mu gihe habaye imodoka nyinshi aho

kunyura Lapalisse hakifashishwa inzira ya Kanombe kuko zombi zihurira ku murindi,ibi bikaba bigabanya umurongo w'Imodoka nyinshi ushobora kuboneka mu gihe hakoreshwa inzira imwe gusa.

Uyu muhanda kandi watanze akazi ku bantu benshi batandukanye nabo bahembwe amafaranga agera kuri 30% by'uyu mushinga wose watwaye **3,286,362,542 Rwf** akaba angana na **Miliyoni 985,908,762 Rwf**

Umuhanda wa Kanombe - Mulindi wazanye impinduka nziza ku bijyanye n'Imiturire aho igiciro cy'ibibanza cyiyongereye bitewe n'uko hageze umuhanda wa kaburimbo, ibi kandi bifasha cyane mu kwihutisha imiturire kuko abantu benshi bubaka inzu zigezweho ahamaze kugera ibikorwa remezo by'iterambere cyane cyane imihanda ya kaburimbo.

### 1.3. GUTANGA MILIYONI 300 KU MUSHINGA WO KUBAKA IMIHANDA Y'AMABUYE MU MUJYI WA KIGALI.

Nanone hagamijwe kongera umubare w'ibirometero by'imihanda itunganijwe, y'amabuye mu Mirenge ya Kigarama, Gikondo na Niboye ku mushinga w'ibirometero 100 uzashyirwa mu bikorwa ku bufatanye n'Umujyi wa Kigali.

Akarere ka Kicukiro katanze uruhare rwako rungana na Miliyoni 300,000,000 frs kugirango hubakwe imihanda y 'amabuye ireshya na km 33.5

Uyu muhigo twawugezeho 100% kandi n'imirimo yo kubaka irakomeje nk'uko bigaragara hasi :

| No | Umuhanda (Site) | Uburebure (km) | Imirimo yakozwe 2014/2015 muri Phase 1 |
|---|---|---|---|
| 1 | Kigarama | 9.085 | Foundation level +Drainage & sidewalks |
| 2 | Niboye (Section manned by Horizon) | 4.386 | Foundation level +Drainage & sidewalks |
| 3 | Niboye (Section manned by NPD-COTRACO) | 3.521 | Foundation and drainage constructed on 2km |
| 4 | Gikondo (Asphalt section) | 1.180 | Foundation level +Drainage & sidewalks on 800m ,Valuation of expropriation completed & waiting payments (on 200m) |
| 5 | Gikondo (Cobblestone section) | 1.000 | Foundation, drainage and sidewalks |
| 6 | Rwandex-INILAK | 1.500 | Foundation & drainage on 1 km |
| 7 | Kagarama (Section manned by Horizon) | 2.682 | Excavation works on going |



### 1.4. GUSANA IMIHANDA Y'ITAKA URESHYA NA Km8

Mu rwego rwo guteza imbere ibikorwa remezo tubifashijwemo na LODA husanwe imihanda y'ibitaka ireshya na Km 8 (Gatenga 2,5Km; Masaka 3Km; Nyarugunga 2,5Km).

Ishyirwa mu bikorwa ry'Uyu muhigo ryongereye iterambere ry'Iyi Mirenge, bitanga akazi ku baturage 625 binyujijwe muri gahunda ya VUP/Public Works.

Iki gikorwa cyatwaye amafaranga angana na 179.000.000Frw.

Uyu muhigo twawugezeho 100%.

### 1.5. GUSHAKA UBUTAKA BUZUBAKWAMO AMAZU ACIRIRITSE YA KIJYAMBERE KU BUSO BUNGANA NA HEGITARE 20.

Mu rwego rwo kunoza Imiturire no gushakira umuti ikibazo cy'amacumbi mu Mujyi wa Kigali, no kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry' igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali ku bufatanye na RWANDA HOUSING AUTHORITY twashatse ubutaka mu Kagari ka Karama;Umurenge wa Kanombe ku buso bungana na Hegitari 25.Imirimo yo kubara imitungo y'abaturage no kubishyura byararangiye.

Uyu muhigo twawugezeho ku ijanisha rya 115%.

### 1.6. KUBYAZA UMUSARURO AMATERASE Y'INDINGANIRE

Mu rwego rwo guteza imbere ubuhinzi twongera ubuso buhinze no kongera umusaruro; twahize ko ha 50 zizabyawa umusaruro ,Ku bufatanye na MINAGRI twashoye amafaranga angana na 16.150.000 mu kubyaza umusaruro ubutaka bungana na ha 57,5 bwakozwemo amaterasse y'indinganire mu Murenge wa Gahanga .

Uyu muhigo twawugezeho ku ijanisha rya 115%.






### 1.7. GUHUZA UBUTAKA

Mu rwego rwo kuvugurura ubuhinzi twibanda ku bihinga byatoranyijwe mu Karere twahuje ubutaka bihingwa byatoranyijwe ku buryo bukurikira:

| No | IGIHINGWA | UBUSO BWARI BUTEGANYIJWE | UBUSO BWAHINZWE | IJANISHA |
|---|---|---|---|---|
| 1 | IBIGORI | 1500 | 1585 | 105,75% |
| 2 | IBISHYIMBO | 3000 | 3219 | 107,3% |
| 3 | IMBOGA | 150 | 153,25 | 102,1% |
| **BYOSE HAMWE** | | **4650** | **4957.25** | **106,6%** |

### 1.8. KONGERA UMUSARURO UVA KURI HEGITARI (Crop productivity)

- **IBYAGEZWEHO**

#### 1.8.1. Kongera umusaruro w'ibigori kuri hegitari ukagera kuri toni 4

Twejeje toni 3.9 z'ibigori kuri Hegitari.

Ijanisha ry'ibagezweho: 97.5%





1.8.2. **Kongera umusaruro w'ibishyimbo kuri hegitari ukagera kuri toni 1,5**

Twejeje toni 1.58 z'ibishyimbo kuri Hegitari.

Ijanisha ry'ibagezweho:105,3%

1.8.3. **70% by'abahinzi bari mu butaka buhuje bakoresha ifumbire mvaruganda n'ifumbire y'imborera.**

Mu butaka buhuje abaturage 1916/1911 bakoreshehe ifumbire mvaruganda

Ijaninisha ry'ibyagezweho: 100,3%; abakoresheje imborera=100%

### 1.8.4. **30% by'abahinzi bari mu butaka budahuje bakoresha ifumbire mvaruganda n'ifumbire y'imborera.**

Mu butaka budahuje abaturage 814/819 bakoresha ifumbire mvaruganda 99.7% abaturage 2730/2730 abakoresheje imborera=100%.

- **IMPAMVU YO GUHITAMO UYU MUHIGO.**

Kongera umusaruro w'ibihingwa mu bwinshi no mu bwiza bidufasha kwihaza mu biribwa no gusagurira amasoko byihutisha itemabere ry'Ubukungu n'imibereho myiza.

- **IMPINDUKA**

Abaturage 2730 bakora ubuhinzi bihagije mu bribwa baniteza imbere mu bukungu.

### 1.9. **GUTERA IBITI BY'IMBUTO**

Mu rwego rwo guteza imbere Imibere Myiza tunoza imirire; hatewe ibiti by'imyembe 6018 mu Murenge wa Gahanga mu Tugari twa Murinja 1800 na Rwabutenge 4218mu butaka bwakozwemo amaterasse y'indinganire.Uyu muhigo uzafasha kwihutisha iirire ikingahaye ku ntungamubiri bitme abaturage bagira ubuzima buzira umuze.

Uyu muhigo twawugezeho ku ijanisha rya 100.3%

### 1.10. **GUTEZA IMBERE UBUHINZI BW'IBIJYA MU MAHANGA**

Mu rwego rwo guteza imbere ubuhinzi bw'ibihingwa byoherezwa mu mahanga hubatswe ikusanyirizo ry'umusaruro woherezwa mu mahanga. Abaturage bo mu Murenge wa Masaka mu Kagari ka Gako bazahubona aho bakusanyiriza umusaruro ugurishwe babashe kwiteza imbere mu bukungu.

yu muhigo twawugezeho ku ijanisha rya 100%

### 1.11. **GUTEZA IMBERE UBWOROZI**

Gutanga inka 180 muri gahunda ya GIRINKA MUNYARWANDA

Mu rwego rwo kugabanya umbare w'abaturage bari munsi y'Umurongo w'ubukene ku miryango 180 twateganyaga koroza ,imiryango 195 yorojwe inka muri gahunda ya GIRINKA MUNYARWANDA.

Uyu muhigo wagezweho kuri 108,3%





### 1.11.1. KUVUGURURA UBWOROZI

Mu rwego rwo kongera ubukungu tuvugurura ubworozi bw'inka, tukava mu bworozi bwa gakondo tujya mu bworozi bwa kijyambere,hakozwe ibi bikurikira:

| No | IGIKORWA CYARI GITEGANYIJWE | IBYKOZWE | IJANISHA |
|---|---|---|---|
| 1 | Gutera intanga inka 2000 | Hatewe intanga inka 2200 | 110% |
| 2 | Gukora PD inka 1436 | Hakozwe PD ku nka1446 | 100,7% |
| 3 | Kubarura inyana 1539 zikomoka kun ka zatewe intanga 2013/2014 | Twabaruye inyana 1539 | 100,2% |
| 4 | Gukingira inka 11000 | Twakingiye inka 11.033 | 100,3% |

### 1.11.3. KUBAKA IBAGIRO RY'INGURUBE RYA KIJYAMBERE

Mu rwego rwo kongera agaciro k'ibikomoka ku matungo;Ku bufatanye n'inkeragutabara mu Murenge wa Nyarugunga hubatswe ibagiro ry'Ingurube rya kijyambere rifite agaciro kangana na miliyoni 300 .

Uyu mushinga uzafasha kongera agaciro ku musaruro w'inyama z'ingurube bifashe aborozi b'ingurube kwiteza imbere mu bukungu.

Uyu muhigo wagezweho 95%.




## 1.12. GUTEZA IMBERE ISHORAMARI

### 1.12.1. KUBAKA AGAKIRIRO KA KIJYAMBERE

Mu rwego rwo guteza imbere ishoramari no gushyira mu bikorwa igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali. Mu Murenge wa Gahanga hubatswe agakiriro gafite agaciro ka miliyari 3,5.Uyu mushinga watanze akazi ku baturage bo Murenge wa Gahanga ndetse n'abandi baturuka ahandi bafite ubumenyi butandukanye bidufashe kurwanya ubushomeri.

Uyu muhigo wagezweho 116%.






1.12.2. **KUBAKA AMASOKO**

Mu rwego wro gufasha abturage bacu kubona aho bagurisha umusaruro bejeje no guteza imbere ubucuruzi bucuriritse hubatswe amasoko abiri.

- **Isoko rya Mbabe**

Isoko rya Mbabe rifite ubushobozi bwo kwakira abacuruzi 80

- **Isoko rya Karambo**

Isoko rya Karambo rizakira abaturage 120

Iyi mihigo twayigezeho 100%




#### 1.12.3. Kugaruza inguzanyo muri VUP (financial service kugeza kuri 95%)

Mu rwego rwo kwihutisha ishoramari ku baturage b'amikoro aciriritse binyujijwe muri VUP, twahaye inguzanyo abaturage 5.346 bagizwe n'abagore 3.346 n'abagabo 2000;Amafaranga bahawe arangana na 418.878.175 .

Amafaranga twagombye kuba tumaze kwishyuza ni 401.351.197Frw ;Ayo tumaze kwishyuza ni 287.609.093Frw.

Uyu muhigo twawugezeho bingana na 75%

### 1.13. KURENGERA IBIDUKIKIJE

Mu rwego rwo kurengera ibidukikije tubungabunga umutungo kamere hatwe ibiti ku mihanda, ibiti bivangwa n'imyaka no mu mirima y'abaturage.

**Ibyagezweho ni ibi bikurikira:**

| No | UMUHIGO | IBYARI BITEGANYIJWE | IBYAGEZWEHO 2014/15 | % |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Gutera ibiti. | Gutera ibiti kuri Ha15 n'ibiti 52.500 | Twateye ibiti 48.269 | 91,9% |
| | | | Ubuso 16,4Ha | 109,3% |
| 2 | Gutera ibiti bivangwa n'imyaka . | Gutera ibiti bivangwa n'imyaka kuri Ha100 bingana na : 95.200 | Twateye ibiti bivangwa n'imyaka 102.803 | 108% |
| | | | Ubuso bwatewe 103,5Ha | 103,5% |
| 3 | Gutera ibiti ku mihanda. | Gutera ibiti kuri Km10.Bingana n'ibiti 20.800 | Twateye ibiti 26.316 ku mihanda - 12km. | 126,5% |
| | | | Uburebure:18Km | 180% |
| IBITI BYOSE BYATEWE | | | 177.388 | 105,3% |

### 1.14. KONGERA IMISORO N'AMAHORO

#### 1.14.1. Kubaka inzu mberabyombi y'Akarere kugeza kuri 100%

Mu rwego rwo kugira ngo tubashe kwihutisha iterambere no kugera ku bikorwa twiyemeje ,Akarere ka Kicukiro katangije umushinga wo kubaka inzu mberabyombi

Uyu mushinga wo kubaka inzu mberabyombi y'Akarere wahaye Akazi abantu batari bakeya, Muri uyu mwaka kuva mu kwezi kwa Nyakanga 2014 aho iyi nyubako yari igeze kuri dale, abantu bamaze kubona akazi mu gihe cy'amezi 11 mu buryo bukurikira : abagabo 782 abagore 380 bose hamwe ni 1.162 .

Bakaba bamaze guhembwa amafaranga angana na **32,858,630** abagore bagize **32%** by'abakozi bose bakaba bamaze guhembwa **9,820,410Rwf** angana na **29.9%**

Mu buryo burambye uyu mushinga uzafasha Akarere mu myinjirize y'Imari kuko iyi salle izajya ikodeshwa, amafaranga yinjiye akazunganira Akarere mu bikorwa bya buri munsi.

Uyu mushinga kandi uzafasha Akarere kudatanga amafaranga yakoreshwaga mu gihe habaga hakenewe gukodesha salle z'inama zitandukanye,kuko hazajya hakoreswa iyi salle y'Akarere.











1.14.2. **Kwinjiza imisoro ingana na 5.285.449.915**

Nk'uko ibikorwa byose bigerwaho hifashishijwe amafaranga,Muri uyu mwaka w'Ingengo y'Imari 2014/2015 tumaze kwinjiza amafaranga angana na 4,244.782.097Frw bingana na 80,3%.



## 2. INKINGI Y'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE

### 2.1. GUTEZA IMBERE IREME RY'UBUREZI

#### 2.1.1. Kubaka ibyumba by'amashuri 30 n'ubwiherero 12.

Mu rwego rwo guteza imbere uburezi hagamijwe kugabanya ubucucike bw'abanyeshuri mu mashuri no kugabanwa ingendo bakora bajya ku ishuri no kongera umubare w'abana bagana ishuri. Muri gahunda ya 12YBE hubatswe ibyumba by'amashuri mirongo itatu (30),n'ubwiherero cumi na bubiri(12)

Uyu muhigo twawugezeho 100%.





Kubw'uyu muhigo umubare w'abagana ishuri wariyongereye,mu mashuri abanza abana bavuye ku 45,700 bagera ku bana 46,817.Twabashije kandi:

- Kugabanya ubucucike (Urugero:GS Muyange (Abana bavuye kuri 60 mu cyumba ubu ni 45),
- Kwiga amashuri yisumbuye hafi ( Urugero:Ayabaraya ahatangijwe 9YBE, GS Muyange aho abana bari bageze S2).

#### 2.1.2. Kugenzura ireme ry'uburezi

- Mu rwego rwo kumenya imikorere y'amashuri (ibibazo bitandukanye biyagaragaramo)
- Gutanga inama zitandukanye:

Twakoze igenzura ry'amashuri abanza 69/69 n'ayisumbuye 39/39 bingana na 100%.

#### 2.1.3. Kugaburira abana mu mashuri

Mu rwego rwo kunoza ireme ry'uburezi twagaburiye abanyeshuri mu mashuri yose 16 afite gahunda ya 9&12YBE. Byakozwe 100%

Uyu muhigo wadufashije kugera kuri ibi bikurikira:

- Ubwitabire bwariyongereye
- Abana bata ishuri baragabanutse
- Amasaha yo kwiga yariyongereye.

- Imitsindire yarazamutse (Muri 9YBE twavuye kuri 80% muri 2013 tugera kuri 85% muri 2014)

## 2.2. KUGABANYA UMUBARE W'ABANA BATA ISHURI

### 2.2.1. Kugabanya umubare w'abana bata ishuri kuva ku bana 326 kugeza kuri 0

Mu rwego rwo kugabanya umubare w'abata ishuri kugeza kuri 0%

Uyu muhigo uzadufasha kugira abanyarwanda bajijutse bashobora kugira uruhare mu iterembere ry'gihugu.

Byagezweho 99%

## 2.3. KUBAKA E.C.D.

### 2.2.1. Kubaka ECD mu Murenge wa Kanombe kugeza ku 100%

Kubaka no gutangiza ishuri ry'incuke (ECD) I Masaka; Gusana no gutangiza ishuri ry'incuke(ECD) i Kanombe

Twubatse ECD AYABARAYA na ECD KANOMBE.

Ku bw'uyu muhigo Umubare w'abana bagana amashuri y'incuke wariyongereye cyane abaturuka mu miryango ikennye.

Byagezweho 100%





## 2.4. GUTEZA UBUREZI BW'ABAFITE UBUMUGA BWO MU MUTWE

### 2.4.1. Kuzuza ishuri ry'abafite ubumuga bwo mu mutwe kugeza kuri 100%;

- Hubatswe ishuri ryihariye ku bana bafite ubumuga bwo mu mutwe i Gikondo;
- Abana bafite ubumuga bwo mu mutwe babonye ishuri ryo kubafasha, ubu rifite abana 49 ( abahungu29 n'abakobwa 20).
- Ababyeyi bafite abana bafite ubumuga babonye umwanya wo gukora indi mirimo.

Uyu muhigo wagezweho 100%.





## 2.5. TVET

### 2.5.1. Kuzuza ishuri ry'ubumenyingiro rya Kigali Integrated College kugeza kuri 100%.

Mu rwego rwo guteza imbere ubumenyingiro hubatswe ishuri ry'ubumenyingiro rya Kigali Integrated College kugeza kuri 100%.

Abaturiye ikigo babonye akazi mu mirimo yo kubaka ishuri rizafasha mu kwigisha imyuga itandukanye, ibi bikazafasha mu kongera imirimo byihutisha iterambere mu bukungu.

Uyu muhigo wagezweho 100%.





### 2.6. KWITA KU BUZIMA

#### 2.6.1. Kuzuza Poste de Santé ya Nyarurama no kuyishyiramo ibikoresho n'imiti.

Mu rwego rwo ku kubungabunga ubuzima bw'abaturage twegereza abaturage ibikorwaremezo byo mu buvuzi mu Kagari ka hubatswe Poste de santé , izafasha abaturage b'Akagari ka Nyarurama bangana na 5.274 basanzwe bari kure y'ikigo nderabuzima,Kuko ubusanzwe abaturage bakoraga isaha n'igice(1h30) kugira ngo bagere ku kigo nderabuzima kiri mu Murenge.

Abaturage batuye mu Kagali ka Nyarurama ubu bafite ivuriro hafi yabo, ntawe uzajya arembera mu rugo kuko ivuriro ryabegereye.

**Uyu mihigo wagezweho 100%.**







**2.6.2. Kuzuza poste de sante ya Muyange/Kagarama no kuyishyiramo ibikoresho n'imiti.**

Mu Murenge wa Kagarama nta Kigo nderabuzima kibamo ; by'umwihariko Akagari ka Muyange kari kure y'ikigo nderabuzima cya Kicukiro abaturage bivurizaho.

Abaturage batuye Akagali ka Muyange bangana na 2.941 bafite ivuriro hafi yabo, ntawe uzajya arembera murugo kuko ivuriro ryabegereye.

Uyu muhigo wagezweho 100%.




### 2.7. KUBONEZA URUBYARO NO GUPIMISHA ABABYEYI BATWITE.

Mu rwego rwo kwita ku buzima bw'ababyeyi batwite no kuboneza urubyaro tugabanya imfu z'abana bapfa bavuka ndetse n'ababyeyi bapfa babyara. Uyu muhigo uzadufasha gukemura ikibazo cy'Umubare munini w'abaturage biyongera kurusha Ubukungu bw'Igihugu.

Abaturage bagejeje igihe cyo kubyara bangana na **45,3%** babyarira kuri gahunda bigatuma bagira ubuzima bwiza n'iterambere ku muryango no ku gihugu muri rusange.

Uyu muhigo wagezweho kw'ijanisha rya **100,6%,**

### 2.8. KURWANYA IMIRIRE MIBI

#### 2.8.1. Kurwanya imirire mibi kuva ku bana 233 kugeza kuri 0

Mu rwego kurandura ikibazo cy'imirire mibi mu bana.

**Guteza imbere imikurire myiza y'abana:** mu mikurire no mu bwenge, abana barakura neza bafite ubuzima bwiza mu mikurire n'ubwenge mubyo bakora byose

**Imirire mibi twarayirwanyije:** abana 233 bose bavuye mu kibazo cy'Imirire mibi.


Uyu muhigo wagezweho 100%.

### 2.9. UBWISUNGANE MU BUVUZI

#### 2.9. 1. Abaturage bazagira ubwisungane mu buvuzi kugeza kuri 100%.

Mu rwego rwo gufatanya mu buvuzi abaturage b'amikoro barunganiwe babasha kubona serivise z'ubuvuzi twashiishikarije abaturage kwitabira Mutuelle de sante kugeza ubu tukaba turi ku ijanisha rya 88,79%.

| lo | UMURENGE | ABAGOMBA KWITABIRA MUSA | ABITABIRIYE MUSA | IJANISHA |
|---|---|---|---|---|
| 1 | GAHANGA | 23566 | 20885 | 88,62% |
| 2 | KAGARAMA | 8509 | 7601 | 89,33% |
| 3 | NIBOYE | 17992 | 13828 | 76,86% |
| 4 | KANOMBE | 23745 | 19760 | 88,62% |
| 5 | NYARUGUNGA | 22483 | 21604 | 96,09% |
| 6 | MASAKA | 33608 | 31787 | 94,58% |
| 7 | KIGARAMA | 25204 | 23884 | 94,60% |
| 8 | GIKONDO | 10177 | 10186 | 100,09% |
| 9 | GATENGA | 33864 | 23976 | 70,80% |
| 10 | KICUKIRO | 9979 | 12179 | 122,05% |
| | **TOTAL** | **209127** | **185690** | **88,79%** |




### 2.10. UBUGENZUZI BW'ISUKU

Mu rwego rwo gukemura ibibazo by'ibyo kurya byanduye mu mahoteri n'amaresitora bishobora gutera indwara ziturukа ku mwanda (food poisoning) byagaragaraga kubera kutubahiriza amabwiriza y'isuku, indwara ziturukа ku mwanda harimo n'impiswi zazaga muza mbere 10 zatumaga abantu bajya kwivuza kwa muganga ku gipimo cya 8% mu mwaka wa 2014 (RHMIS).

Mu gukemura ibi bibazo isuku yarabungabunzwe mu Mirenge yose igize Akarere bikaba byarakozwe buri kwezi.Uyu muhigo watumye hagaragara impinduka zikomeye mw'isuku yo soko y'ubuzima;Akarere kakaba karabiherewe igihembo cy'imodoka yateguwe ku bufatanye bw'Umujyi wa Kigali na Police.




SECURITY AND HYGIENE CAMPAIGN
2015
Partnership in Policing


100

### 2.11. KUBAKA AMAZU 20 Y'ABAROKOTSE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI BATISHOBOYE N'AZUBAKIRWA ABANYARWANDA BIRUKANYWE MURI TANZANIYA N'ABIMUWE MU BICE BY'AMANEGEKA.

#### 2.11.1. Mu rwego rwo gufasha abatishoboye kubona amacumbi hubatswe amacumbi 20 ku batisoboye no ku bavuye mu bice by'amanegeka.

Kubaka izi nzu byatanze akazi ku baturage ariko by'umwihariko kubatuye mu Mudugudu w'aho zubakwa bituma bashobora kwiteza imbere no gukemura ibibazo binyuranye by'imibereho.

Naho kubazituzwamo, amafaranga yagendaga mu gukodesha inzu kandi yanabonekaga bibagoye bazayakoresha ibindi bikorwa byo kubafasha kwiteza imbere no gukemura ibindi bibazoby'imibereho, batujwe ahantu hajyanye na gahunda y'igihugu yo gutura mu midugudu hari ibikorwa remezo, amazi, amashanyarazi, ivuriro, isoko, amashuri,...

Uyu muhigo wagezweho 100%



### 2.12. GUTANGA AKAZI KU BATURAGE 600.

Mu rwego rwo gukura kunganira abaturage bafashwa kubona imirimo abaturage 625 bafashijwe kubona akazi muri VUP muri gahunda ya public Works ,Iki gikorwa cyatumye babasha kubona amafaranga angana na 179.000.000.

Byababfshije kwiteza imbere mu bukungu no mu mibereho myiza y'abaturage.

Uyu muhigo wagezweho 100%

### 2.13. ABATISHOBOYE 965 BAZAHABWA INKUNGA Y'INGOBOKA.

Mu kwita ku batishoboye;abaturage bakennye 966  barimo abagabo 255 n'abagore 711 bahawe inkunga y'ingoboka; Amafaranga yose yatanzwe arangana na 117,983,206 .Yabafashije kwikura mu bukene kuko benshi bayakoresheje mu bworozi bw'amatungo magufi bibafasha kwiteza imbere mu bukungu no mu mibereho myiza.

Uyu muhigo wagezweho 100,1%

### 2.14. KUREMERA

#### 2.14.1. Kuremera abaturage bakennye 1000 muri gahunda ya GIRUBUCURUZI.

Mu rwego rwo kuremera twafashije abaturage 1322 ingana na 132,2%

**Ibyagezweho ni ibi bikurikira:**

| ABAREMEWE | GORE | GABO | UMURENGE | IGISHORO |
|---|---|---|---|---|
| 67 | 64 | 3 | Gahanga | 6,910,000 |
| 97 | 96 | 1 | Gikondo | 2.902.500 |
| 61 | 59 | 2 | Kagarama | 6.350.000 |
| 29 | 29 | 0 | Kigarama | 2.900.000 |
| 49 | 45 | 4 | Nyarugunga | 3.400.000 |
| 11 | 10 | 1 | Kicukiro | 850.000 |
| 83 | 77 | 6 | Niboye | 7.820.000 |
| 12 | 12 | 0 | Masaka | 1.200.000 |
| 12 | 10 | 2 | Gatenga | 1.533.890 |
| 31 | 31 | 0 | Kanombe | 1.100.000 |
| 433 | 426 | 17 | | 34.083,955 |
| 552 | 359 | 193 | VUP MASAKA | 41,330,000 |
| 327 | | | UBUDEHE | 19,620.000 |
| 1331 | | | | 95,916,390 |

Mu ntangiriro twateganyaga kuremera abantu 1.000 .Uyu muhigo twawugezeho kuri 133,1%

### 2.15. ITERAMBERE RY'URUBYIRUKO N'ABAGORE

#### 2.15.1. Gutangiza KICUKIRO WOMEN TRAINGING CENTER

Mu rwego rwo gufasha abagore b'amikoro make kubona umurimo ubafasha kwiteza imbere,hagamijwe kandi kugabanya umubare w'abagore bishora mu mwuga w'uburaya n'inzindi ngeso mbi zo kwiyandarika,Bikanababafasha kuva mu bwigunge n'ubujiji.

Mu Murenge wa Niboye hanatangijwe ikigo cyigisha abagore imyuga irimo gusuka no kudoka.Kugeza ubu abagore bamaze kuhigira baragera kuri 60.

Bikazabafasha kwiteza imbere birwanaho bakora imyuga bahuguwemo.

Uyu muhigo twabashije kuwugeraho kuri 100%.






### 2.15.2. Guhugura urubyiruko 260 ku bumenyingiro

Akarere ka Kicukiro hagaragara ikibazo cy'Ubushomeri mu rubyiruko aho urugera kuri 11,392(4,078 Abagabo, 7,314 Abagore) rwugarijwe n'ikibazo cy'Ubushomeri bityo Urubyiruko rukaba rwakwishora mubiyobyabwenge ndetse n'izindi ngeso mbi.

Akarere ka Kicukiro kakaba gashakisha ingamba zafasha Urubyiruko, zimwe muri izo ngamba harimo gufasha Urubyiruko guhabwa ubumenyingiro mu myuga itandukanye bwarufasha kwihangirq umurimo ndetse no kubona akazi ku isoko ry'umurimo mu buryo bwihuse ,Akaba ari muri urwo rwego Akarere kahize gufasha Urubyiruko kwiga imyuga itandukanye irimo kwiga iby'amahoteri,gutunganya imisatsi y'abagore n'Abagabo ,kudoda n'ibindi…




Ikindi cyatumye Akarere gahitamo gufasha urubyiruko kwiga imyuga n'uko

birufasha kugira ubumenyingiro mu gihe gito bikarufasha kubona imirimo mugihe gito.

### 2.15.3. Kubaka inzu mberabyombi y'Urubyiruko

Mu rwego rwo guhuriza hamwe urubyiruko hagamijwe kurufasha mu gutegura gahunda z'iterambere hashinzwe Ikigo cy'urubyiruko.


Urubyiruko rw'Akarere rungana na 164,416, Abagabo 84,893 abagore 79,523, ruzafashwa n'Iki kigo kubona serivisi zitandukanye zirimo kwiga ikoranabuhanga (ICT), kugezwaho ubujyanama bwarufasha kwiteza imbere.

a. Iki kigo kizajya giha Urubyiruko amahugurwa atandukanye arimo no kwihangira umurimo.

b. Gutanga ubukangurambaga ku rubyiruko muri gahunda za Leta zitandukanye zarufasha mu buzima bwarwo bwa buri munsi harimo gukangurira Urubyiruko kwirinda ibiyobyabwenge,kwirinda agakoko gatera SIDA,Kwirinda inda zitateguwe no kwirinda kwishoba mu ngeso mbi.

Uyu muhigo wagezweho 100%.





## 3. IMIYOBORERE MYIZA N'UBUTABERA

### 3.1. KUNOZA IMITANGIRE YA SERIVISE

#### 3.1.1. Abasaba ibyangombwa byo kubaka bazahabwa igisubizo mu gihe giteganyijwe

Mu rwego rwo kunoza imitangire ya Serivisi mu mitangire y'ibyangombwa by'ubwubatsi, abaturage 579 basabye ibyangombwa byo kubaka babihawe bitarenze iminsi mirongo itatu.

Uyu muhigo twawugezeho 100%.

### 3.2. KUNOZA IMICUNGIRE Y'UMUTUNGO WA LETA

#### 3.2.1. Imyanzuro y'umugenzizi w'Imari ya Leta yashyizwe mu bikorwa 100%

Mu rwego rwo kugenzura imikoreshereze y'umutungo wa Leta, twashyize mu bikorwa imyanzuro y'umugenzuzi w'imari ya Leta(Auditor general)..

Mu myanzuro 21 yagaragajwe:

- 15 yashyizwe mu bikorwa yose;
- 3 yashyizwe mu bikorwa igice;
- 3 ntirashyizwa mu bikorwa.

Uyu muhigo wagezweho kuri 71%.

### 3.3. UBTABERA

#### 3.3.1. Ibibazo by'abaturage byakiriwe bizakemurwa 100%

Mu rwego rwo kwimakaza ubutabera; hakemurwa ibibazo by'abaturage hakiriwe hanakemurwa ibibazo ku buryo bukurikira:

| No | UMUHIGO | IBYAGEZWEHO | IJANISHA |
|---|---|---|---|
| 1 | Gukemura ibibazo bakiriwe ku Karere 100% | Twakiriyr ibibazo 194<br>-174 byakemuriwe ku Karere;<br>-20 byoherejwe mu nkiko | 100% |
| 2 | Gukemura ibibazo bakiriwe mu nteko z'Utugari | Ibibazo bakiriwe mu nteko z'Utugari byakemuwe byose | 100% |
| 3 | Kurangiza imanza kugeza kuri 95% | Twakiriye imanza 115;Twarangije imanza 109;Imanza 6 zagize imbogamizi ntizirarangizwa | 99,6% |









### 3.4. KUNOZA IMIKORERE YA COMMUNITY POLICIES

Mu rwego rwo kubumbatira umutekano ,binyujijwe muri Community policing;Twateganyaga guhugura abagize community policing 700;Twahuguye 711 ku buryo bwo kunoza inshingano zabo .

Uyu muhigo wagezweho 101.5%.







### 3.5. UBURERE MBONERAGIHUGU

Mu rwego rwo kwimakaza uburere mboneragihugu n'umuco w'ubutore; abanyeshuri 2500 barangije amashuri yisumbuye bagombaga kwitabira itorero.Abitabiriye itorero bagez kuri 2738.

Uyu muhigo wagezweho 109,5%.

### 3.6. GUTEGURA UKWEZI KW'IMIYOBORERE MYIZA

Mu rwego rwo kunoza imiyoborere Myiza twegera abaturage twumva ibibazo byabo binashakirwa ibisubizo,Mu Mirenge 10 y'Akarere ka Kicukiro hateguwe ukwezi kw'Imiyoborere myiza;Muri uku kwezi ibibazo by'abaturage byarakiriwe bikemurwa byose.

Muri iki gikorwa kandi hanakozwe amarushanwa yo guhatanira igikombe KAGAME CUP ibi byose byadufashije gusabana n'abaturage no kumva ibibazo ndetse n'ibyifuzo byabo.

Uyu muhigo wagezweho 100%.



### 3.7. GUKURIKIRANA ITEGURWA N'ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMIHIGO

Mu rwego rwo kunoza imiyoborere myiza hanashakwa uko twakwihutisha iterambere ry'abaturage tuyobora ,Muri buri Murenge hateguwe hanakurikiranwa Imihigo 2014/2015.

Gukorera ku mihigo byihutisha ishyirwa mu bikorwa rya gahunda za Leta hanozwa imitangire ya service zitandukanye bikaganisha kw'iterambere ry'Ubukungu n'Imibereho myiza y'abaturage tuyobora.

Uyu muhigo wagezweho 100%.

### 3.8. UMUGANDA

Mu rwego rwo kunganira ingengo y'Imari ya Leta ishorwa mu bikorwa by'iterambere, abaturage bagize uruhare mu kunganira ingengo y'Imari ya Leta binyuze mu muganda kubera uyu muhigo Leta yabashije kuzigama amafaranga 578.089.650 yavuye mu gaciro k'umuganda .Ibyagezweho mu bikorwa by'umugansda ni ibi bikurikira:

| No | IBYARI BITEGANYIJWE | IBYAKOZWE | IJANISHA |
|---|---|---|---|
| 1 | Kongera ubwitabire bw'Umuganda kugeza ku baturage 165443 | ubwitabire bw'Umuganda bwageze ku baturage 105626 | 88% |
| 2 | Kongera agaciro k'umuganda kugeza kuri 577.000.000Frw | Agaciro k'umuganda kageza kuri 578.089.650 | 100.1% |
| 3 | Gutegura gahunda y'ibikorwa y'umwaka,n'iz'igihembwe no kuzitangira raporo | Twateguye gahunda y'ibikorwa y'umwaka,n'iz'igihembwe tuzitangira raporo | 100% |






### 3.9. GAHUNDA YA NDI UMUNYARWANDA.

Mu rwego rwo guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge mu banyarwanda, tunoza imibanire y'Umuryango nyarwanda hatanzwe ibiganiro muri gahunda ya NDI UMUNYARWANDA. Muri buri Murenge hatanzwe ibiganiro 2, naho ku rwego rw'Akarere hatanzwe ikiganiro kimwe gitangwa mu byiciro byihariye.

Uyu muhigo wagezweho 100%.








**3.10. INYUBAKO Z'IBIRO BY'UBUYOBOZI.**

Mu rwego rwo kwihutisha itangwa rya servise nziza,zihuse kandi zinoze Akarere harimo kubakwa inyubako z'ibiro by'Imirenge ibiri;Umurenge wa Gahanga n'Umurenge wa Niboye.

- **UMURENGE WA GAHANGA**

**Inyungu n'impinduka uyu mushinga ufite.**

- Imirimo yo kubaka ibiro by'Umurenge wa GAHANGA yafashije mu gutanga akazi ku bantu benshi**,** mu ntangiriro z'umwaka 2014/2015 iyi nyubako yari igeze kuri dale.
- Abantu bamaze kubona akazi mu gihe cy'amezi 12 mu buryo bukurikira : abagabo **782** abagore **380** bose hamwe ni **1.162** Bakaba bamaze guhembwa amafaranga angana na **21,527,480** abagore bagize **48%** by'abakozi bose bakaba bamaze guhembwa **7,259,813** angana na **33.8%**
- Inyungu z'igihe kirambye uyu mushinga ufite ,uzafasha mu kwegereza no gutanga service nziza ku bantu bose bagana ibiro by'uyu Murenge kuko wubatse mu buryo bugezweho ndetse n'abakozi bakazaba bakorera mu biro byujuje ibisabwa byose.

